INAMA NKURU Y'URUBYIRUKO
C/O MIJESCAFOP
B.P. 1044 - KIGALI

# UMUSHINGA

**Amahugurwa y'Abakangurambaga bazakoreshwa mu ishyirwaho ry'Inzego z'Urubyiruko**

**IBISOBANURO:**

Mu mpera za Kanama 1998, Inama Nkuru y'Urubyiruko izakoresha, muri za Perefegitura, inama zo gusobanurira Abayobozi banyuranye iby'inzego z'urubyiruko. Icyo gikorwa kigomba kunganirwa n'ishyirwaho rya za Komite z'amatora kugira ngo gahunda y'inzego izajye mu bikorwa.

Ni muri urwo rwego, bazaba ingando y'ubufatanye irimo abayobozi b'urubyiruko bagera ku gihumbi (1.000) baturutse muri za Komini, Amashuri, Imiryango y'Urubyiruko n'Inama Nkuru y'Urubyiruko. Muri iyo ngando, Komini izoherezamo abantu gusa; ntibahagije gukora Komite y'amatora.

Inama Nkuru y'Urubyiruko, yifashishije inkunga y'amafaranga yahawe na UNAP, izakoresha, muri Kanama na Nzeli 1998, andi mahugurwa azatuma haboneka abandi bantu bajijutse kandi begereye urubyiruko bazakora umurimo w'ishyirwaho ry'inzego.

**UKO BITEGANYIJWE:**

Nkuko Inteko Rusange y'Inama Nkuru y'Urubyiruko yabisabye, inzego zagombye kujyaho kugera mu mpera z'umwaka, byibura hatowe Komite za Perefegitura mu mashuri no mu giturage. Bitarenga Ukwakira 1998, buri Komini yagombaga kugira Komite y'amatora yahuguwe, irimo abantu bo muri za Segiteri bose.

**Amahugurwa azaba mu nzego ebyiri:**

1° **Ku rwego rw'Igihugu:**

Hazahugurwa abayobozi banyuranye bazahagararira amahugurwa muri za Komini:

- Ba S/Perefe barebwa n'ibyamategeko n'abarebwa n'iby'imibereho y'abaturage muri za Perefegitura zose;
- Ba Ankadreri b'Urubyiruko muri za Perefegitura

- Abashinzwe inyigisho za Politiki mu Turere tw'Ingabo
- Abagenzuzi b'Amafasi
- Abahagarariye Inama Nkuru y'Urubyiruko mu ma Perefegitura (2 muri buri Perefegitura)
- Komite Nyobozi y'Inama Nkuru y'Urubyiruko.

Bose hamwe barakabakaba umubare w'abantu ijana (100).

2° Ku rwego rwa Pefefegitura:

- Ba Burugumesitiri
- Ba Enkadreri ba za Komini
- Abagenzuzi b'Uturere
- Umuntu umwe muri buri Segiteri
- Umuntu umwe uhagarariye ibigo by'amahuri ku rwego rwa Komini
- Abashinzwe inyigisho za Politiki mu Ngabo.

Dufashe ko ikigereranyo cy'umubare wa za Komini muri Perefegitura 1 ari 12, Segiteri 8 muri buri Komini, twasanga muri buri Komini haza abantu bagera kw'icumi na batatu, ni ukuvuga ko Perefegitura yahugurirwamo abantu bagera kuri 156. Dufate ko ihugurwa ryabamo abagera 160 harimo n'abafasha mu mirimo.

ICYITONDERWA:

- Amahugurwa azaba mu gihe cy'iminsi ibiri (2)
- Abantu bazicumbikira, bahabwe amafaranga y'ingendo n'ay'impamba
- Igihe azabera ntikiragenwa neza. Icyakora, ukurikije ko gahunda y'Inama z'Urubyiruko itagomba kurenza Ukuboza 1998, amahugurwa ntagomba kurenga Nzeli.
- Ubuyobozi bw'aho inama zizabera buzatera inkunga mu kuhashaka no kuhategura.

AMAFARANGA AZAKENERWA:

1° Ku rwego rw'Igihugu:

| | | |
|---|---|---|
| • Ingendo, ifunguro n'icumbi ry'abajyanama : | 5.000 F x (iminsi 2) x (abantu 100) | = 1.000.000 FRW |
| • Guhemba abarimu : | 10.000 F x (abantu 5) | = 50.000 " |
| • Ibikoresho by'inama : | | 100.000 " |
| • Umuhango wo gusoza : | 1.000 F x (abantu 150) | = 150.000 " |
| Igiteranyo cya 1 : | | 1.300.000 FRW |

.../...

2° <u>Ku rwego rwa Perefegitura:</u>

| | |
|---|---|
| • Ingendo n'ifunguro : 2.500 F x (iminsi 2) x (abantu 160) x (Peref. 12) | = 9.600.000 F |
| • Guhemba abarimu : 10.000 F x (abantu 3) x 12 Peref. | = 360.000 " |
| • Ibikoresho by'inama : 100.000 F x 12 | = 1.200.000 " |
| • Gusoza uwo muhango : 100.000 F x 12 | = 1.200.000 " |
| • Amavuta y'imodoka : 60 (litiro) x 12 x 230 F | = 165.000 " |
| Igiteranyo cya 2 : | 12.525.000FRW |
| Ibidateganyijwe : 10 % | = 1.382.500 F |
| YOSE HAMWE | = 15.207.500 FRW |

<u>GAHUNDA Z'INAMA</u> :

1° <u>Umunsi wa mbere:</u> <u>Mbere ya saa sita:</u>

Ikiganiro-mpaka kuri Politiki ya Leta ku Rubyiruko.

<u>Nyuma ya saa sita:</u>

Ikiganiro-mpaka ku miterere y'inzego z'urubyiruko n'imikoranire yayo n'ubundi buyobozi.

2° <u>Umunsi wa kabiri</u> : <u>Mbere ya saa sita:</u>

Ikiganiro-mpaka ku mategeko agenga amatora.

<u>Nyuma ya saa sita:</u>

- Gahunda y'amatora, Isangano ry'Urubyiruko
- Kwanzura
- Kwakira Abajyanama.